# 264: Mwuka Wera wo mw ijuru

1. Mwuka Wera wo mw ijuru, Mugabyi w'ubugingo we. Manuka, turakwinginze, Sang' imitim' ikwifuza.

2. Utwerek' uko tur' uku, Ko twishwe n'ibicumuro; Utwereke na Krisito, Ukw ari n'ukw arokora.

3. Dore, turakwiragije, Kuk' uz' ibidukwiriye; Tumaremw ibyaha byacu, Utwerek' Umucunguzi.

4. Twikish' umuriro wawe imyand' ubonye muri twe, Nk'ishyari, nko kwihimbaza, N'ibindi byangwa na Yesu.

5. Uduh' ubuntu bwa Yesu, N'ineza n'amahoro bye, Uduhe n'urukundo rwe. No kumuyobok' iteka.

6. Rwanga n'iby'isoni nke; Ntirwishakir' ibyarwo; Rwemera gufashanya; Ntirurakara.

7. Kand' ibyaha by'abandi. Ntabwo rubyishimira, Kuko runezererwa ibitunganye.

8. Rwihanganira byose; Rwizigira n'abandi; Nta n'ikibi rukeka Ku muntu wese.

9.
Kwizera, kwiringira, Cyane cyan' urukundo, Ni zo mpano z'iteka, Ukw ar'eshatu.

10.
Ni zo mpano nifuza, Mwuka Wera w'lmana; Ariko kurutaho, Ump' urukundo.

Visit us at indirimbo.com